

**UMURYANGO
W'ABIBUMBYE**

**MICT-12-29-A
15-08-2014
(3415/ter - 3413/ter)**

**3415/ter
ZS**

Urubanza N°: MICT-12-29-A



Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo
y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

Itariki:

16 Kamenya 2014

Umwimerere: Icyongereza

URUGEREKO RW'UBUJURIRE

Abacamanza: Theodor Meron, Perezida
Bakone Justice Moloto
Christoph Flügge
Burton Hall
Liu Daqun

Gerefiye: John Hocking

Itariki: 16 Kamenya 2014

AUGUSTIN NGIRABATWARE

Aburana na :

POROKIRERI

INYANDIKO ITARI IBANGA

ITEGEKO RISHYIRAHO INGENGABIHE Y'IBURANISHA MU BUJURIRE

Abavoka bunganira Augustin Ngirabatware:

Mylène Dimitri
Guénaël Mettraux


Ibiro bya Porokireri:

Hassan Bubacar Jallow
James J. Arguin
Inneke Onsea

R(RM)14-0035K

Byahinduwe mu Kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Received by the Registry
Mechanism for International Criminal Tribunals
15/08/2014 10:13



URUGEREKO RW'UBUJURIRE («Urugereko rw'Ubujurire») rw'Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga («MICT»);

RUMAZE KUBONA ko Urubanza rwakijijwe ku itariki ya 20 Ukuboza 2012 n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo II rw'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoreye mu Rwanda ibikorwa bya jenoside n'ibindi bikorwa binyuranyije bikomeye n'Amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, n'Abanyarwanda bakekwaho kuba barabikoreye mubihugu bituranye n'u Rwanda hagati yitariki ya 1 Mutarama 1994 n'ya 31 Ukuboza 1994, inyandiko y'urwo rubanza ikaba yaratanzwe ku itariki ya 21 Gashyantare 2013¹;

RUMAZE KUBONA ko imyanzuro muri uru rubanza yamaze gutangwa²;

HASHINGIWE ku Ngingo ya 141 y'Amategeko ya MICT Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso;

RUTEGETSE ko iburanisha ry'uru rubanza mu bujurire rizabera Arusha, muri Tanzaniya, ku itariki ya 30 Kamena 2014 ; kandi

RUMENYESHEJE ababuranyi ko gahunda y'iburanisha iteye ku buryo bukurikira, uretse ko ishobora kugira icyo ihindukaho aho byaba ngombwa:

¹ Urubanza rwa Augustin Ngirabatware, N° ICTR-99-54-T, Inyandikomvugo y'iburanisha, 20 Ukuboza 2012, imp. 1-15; Urubanza rwa Augustin Ngirabatware, N° ICTR-99-54-T, Inyandiko y'urubanza, 21 Gashyantare 2013.

² Inyandiko y'ubujurire ya Augustin Ngirabatware, 9 Mata 2013; Imyanzuro mu bujurire ya Dr. Ngirabatware, 18 Kamena 2013 (inyandiko y'ibanga; inyandiko yasibwemo ibigomba kugirirwa ibanga yatanzwe ku itariki ya 1 Kanama 2013); Inyandiko irimo ibigomba gukosorwa mu Myanzuro ya Dr. Ngirabatware mu bujurire, 16 Nyakanga 2013 (inyandiko y'ibanga); Imyanzuro ya Porokireri isubiza iy'uwajuriye, 29 Nyakanga 2013 (inyandiko y'ibanga; inyandiko yasibwemo ibigomba kugirirwa ibanga yatanzwe ku itariki ya 31 Nyakanga 2013); Inyandiko irimo ibigomba gukosorwa mu Myanzuro ya Porokireri isubiza iy'uwajuriye, hamwe n'Imigereka y'ibanga B na C, 4 Ugushyingo 2013; Igisubizo cya Dr. Ngirabatware ku myanzuro ya Porokireri isubiza iy'ujurira (Hashingiwe ku Ngingo ya 140 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso), 13 Kanama 2013.

Ku wa mbere, ku itariki ya 30 Kamena 2014

9.30 - 9.40: Ijambo ry'ibanze rya Perezida w'inteko (iminota 10)

9.40 - 10.40: Imyanzuro ya Augustin Ngirabatware mu magambo (isaha 1)

10.40 - 11.40: Igisubizo cya Porokireri (isaha 1)

11.40 - 12.00: Akaruhuko (iminota 20)

12.00 – 12.30: Igisubizo cya Augustin Ngirabatware (iminota 30)

12.30 – 12.40: Ijambo rya Augustin Ngirabatware aramutse ashaka kugira icyo avuga (iminota 10)

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa; inyandiko yo mu cyongereza ikaba ari iyo ngenderwaho haramutse habaye ukunyuranya muri izo ndimi zombi.

(Umukono)

Umucamanza Theodomir Meron,

Perezida

Bikozwe kuri uyu munsi wa 16 Kamena 2014,

I La Haye,

U Buholand

[Kashe ya MICT]



R(RM)14-0035K

Byahinduwe mu Kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR